REPUBULIKA Y'U RWANDA

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO.

**ICYEMEZO GITEGEKA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka wa **2022**, ukwezi kwa **09**, umunsi wa **20**;

Twebwe **Théodosie MUKARUGIRA**, Umucamanza mu rukiko rw'ibanze rwa Kicukiro, dufashijwe na ***MANIRAGUHA Viateur***, Umwanditsi w'uru rukiko;

Tumaze kubona urubanza RP/ECON 00049/2021/TB/KICU, Ubushinjacyaha buregamo uwitwa **MUSABYIMANA Viateur** icyaha cyo gutanga sheki itazigamiwe;

Tumaze kubona ko uru rubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa kuwa 20/09/2022 kuri uwo munsi uyu MUSABYIMANA Viateur akaba ataritabye, ubushinjacyaha bukavuga ko yaregewe urukiko nk'uwatorotse ubutabera ngo kuko amaze kumenya ko yarezwe yahise atoroka akaba ataranabajijwe, bityo bukaba busaba ko yahamagazwa nkuko amategeko abiteganya;

Dushingiye ku ngingo za 160 n'iya 161 z'Itegeko No 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**Dutegetse** MUSABYIMANA Viateur, kwitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro kuwa 25/10/2022 saa mbiri (8h00'), atitaba agafatwa nk'uwasuzuguye amategeko;

**Dutegetse** ko iri hamagara runyuzwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga mu gihe cy'iminsi umunani (8) kopi y'iri hamagara akazayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro.

Bikorewe Kicukiro, ku munsi ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

***UMUCAMANZA***

***MUKARUGIRA Théodosie***

***UMWANDITSI :***

***MANIRAGUHA Viateur***

URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO